**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO Y'UMUCO**

# ITANGAZO RIHAMAGARIRA ABASHAKASHATSI N'IMPUGUKE KUGIRA URUHARE MU NAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU MUCO N'UMURAGE BY'U RWANDA.

Inteko y'Umuco ni ikigo cya Leta y'u Rwanda gifite intego yo kubungabunga umurage w'Igihugu no kurinda ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco n'indangangaciro zawo nk'umusingi w'ubumwe n'agaciro by'Abanyarwanda, ibi bikaba bigaragarira mu bikorwa byayo bya buri munsi. Ni ikigo kandi gifite mu nshingano kurinda no guteza imbere umuco, gukusanya, kubungabunga no kumurika ibintu bigize umurage ndangamuco, umurage kamere n'amateka by'Igihugu; gukora ubushakashatsi muri izi ngeri no gutangaza ibyabuvuyemo.

Kugira ngo Inteko y'Umuco igere kuri iyo ntego, ifite ibikorwa byinshi biyifasha muri iyo nzira. Kimwe muri ibyo ni ukuba yaratangije igazeti y'ubushakashatsi yitwa ***Umurage*** **(ISSN: 2789-1305)** itangazwamo ibyavuye mu bushakashatsi ku rurimi rw'Ikinyarwanda, umuco n'umurage by'u Rwanda. Iyi gazeti isohoka kabiri mu mwaka.

Kuri iyi nshuro, hateganyijwe inama nyuguranabitekerezo ku muco, amateka n'umurage by'u Rwanda izaba ku Munsi Mpuzamahanga w'Umurage Ushyinguye mu Majwi n'Amashusho (World *Day* for *Audiovisual Heritage*) wizihizwa ku itariki ya 27 Ukwakira 2021. Iyi nama izamurikirwamo inyandiko z'ubushakashatsi bwakozwe muri izo ngeri. Izi nyandiko zizatangazwa n'Inteko y'Umuco muri iyo gazeti *Umurage*.

## 1. Ingingo zizandikwaho

Inteko y'Umuco yagennye ingingo abashakashatsi bazibandaho bategura inyandiko zabo, ariko hatirengagijwe n'izindi bifitanye isano:

- ***Umuco nk'umusingi w'iterambere rirambye;***

- ***Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda mu rugendo rwo kubaka Igihugu;***
- ***Inganda ndangamuco mu iterambere ry'u Rwanda;***
- ***Umurage w' u Rwanda n'iterambere;***
- ***Ubukerarugendo bushingiye ku muco.***

Ni muri urwo rwego Inteko y'Umuco ihamagariye abashakashatsi n'impuguke gutegura inyandiko za gihanga ku nsanganyamatsiko zavuzwe hejuru kugira ngo zizamurikwe muri iyo nama kandi zizatangazwe mu igazeti *Umurage*. Inyandiko igomba kuba ari umwimerere kandi itarigeze itangazwa ahandi.

Inyandiko zigomba kuba zanditse mu Kinyarwanda kandi zifite inshamake mu Kinyarwanda no mu Cyongereza (abstract). Inshamake zizohererezwa Inteko y'Umuco bitarenze tariki ya 10 Nzeri 2021 kugira ngo zemezwe. Inyandiko zirangiye zizagezwa ku Nteko y'Umuco bitarenze tariki ya 15 Ukwakira 2021. Inyandiko zose zoherezwa kuri aderesi ya imeri ikurikira umurage@museum.gov.rw

**2. Uko inyandiko zigomba kuba ziteye:**

Inyandiko y'inshamake ntigomba kurenza amagambo 250. Inyandiko zirangiye zigomba kuba zigizwe n'amagambo ari hagati y'ibihumbi bine (4.000) n'ibihumbi bitandatu (6.000). Imyandikire:

- Imiterere: *Times New Roman*
- Ubunini bw'inyuguti: *taille 12*
- Umwanya hagati y'imirongo: *interligne 1.5*
- Kwandika indangasoko: *bibliographie* & inkuro: *citation: A.P.A.*

Bikorewe I Huye, ku wa 19 Kanama 2021

Digitally signed by RCHA (Director General)
Date: 2021.08.20 11:54:22 +02'00'

**Amb. Masozera Robert**

**Intebe y'Inteko/ Inteko y'Umuco**